ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 10 Nzeri 2021

Iteganyagihe ryo kuva taliki ya 11 kugeza 20 Nzeri 2021

1. Incamake

Mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri 2021, kuva taliki ya 11 kugeza taliki ya 15 hateganyijwe ibicu bike n'izuba riringaniye naho hagati y'italiki ya 16 na 20 Nzeri 2021 hateganyijwe imvura mu gihugu hose. Imvura iri hejuru ya milimetero 40 iteganyijwe mu majyaruguru y'Iburengerazuba bw'igihugu ikaba yerekana itangira ry'imvura y'Umuhindo muri icyo gice. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe iri hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 20 na 32. Ubushyuhe buri hagati ya 30°C na 32°C ni bwo bwinshi buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama no mu bice bimwe by'umujyi wa Kigali n'akarere ka Nyagatare. Umuyaga uringaniye ufite umuvuduko uri hagati ya 4m/s na 8m/s uteganyijwe henshi mu gihugu naho umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya 8m/s na 12m/s uteganyijwe mu turere twa Karongi na Rutsiro n'ibice bimwe na bimwe by'uturere twa Nyamasheke, Ngororero, Kirehe na Ngoma.

1. Imvura iteganyijwe

Imvura iri hagati ya milimetero (mm) 0 na 50 niyo iteganyijwe henshi mu gihugu ariko izarengaho mu majyaruguru y'uturere twa Nyabihu na Musanze, mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri 2021. Imvura iringaniye iri hejuru ya milimetero 50 iteganyijwe henshi mu turere twa Musanze na Nyabihu n'ibice byo mu majyaruguru ya Rubavu na Burera. Ibice bisigaye bya Rubavu, Burera, Musanze na Nyabihu ndetse nibice byegereye by'uturere twa Rutsiro na Ngororero hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 50. Imvura iteganyijwe muri ibi bice irerekana itangira ry'imvura y'umuhindo nkuko iteganyijwe gutangira hagati y'italiki ya 9 niya 19 Nzeri 2021. Ibice byinshi bya Kirehe na Ngoma nabyo biteganyijwemo imvura iri hagati ya milimetero 30 na 40. Imvura nke iri munsi ya milimetero 10 iteganyijwe henshi mu ntara y'Amajyepfo, mu turere twa Nyarugenge na Bugesera. Imvura iteganyijwe kugwa hagati y'italiki ya 16 n'iya 20 mu majyaruguru y'Iburengerazuba no hagati y'italiki ya 17 na 20 ahandi hasigaye, imvura ikazaba irimo inkuba. Imvura iteganyijwe iri ku kigero cy'imvura isanzwe igwa muri iki gihe uretse mu majyaruguru y'Iburengerazuba izaba iri hejuru y'imvura isanzwe igwa. Imvura izaturuka ku isangano ry'imiyaga riva mu gice cy'Isi cya ruguru ryerekeza mu gice cy'Amajyepfo.

2. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe

Kuva taliki ya 11 kugeza taliki ya 20 Nzeri 2021, mu gihugu hateganyijwe ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 20°C na 32°C. Ubushyuhe bwinshi buri hagati ya 30°C na 32°C buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama, mu bice bimwe by'umujyi wa Kigali n'akarere ka Nyagatare. Ibice bisigaye by'umujyi wa Kigali n'intara y'Iburasirazuba hateganyijwe ubushyuhe buri hagati ya 28°C na 30°C. Ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 20°C na 22°C ni bwo bucye buteganyijwe mu majyaruguru y'uturere twa Burera, Musanze na Nyabihu. Ubushyuhe buteganyijwe buri hejuru y'ikigero cy'ubushyuhe busanzwe buboneka mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri mu Rwanda.

3. Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe

Hateganyijwe umuyaga uringaniye ufite umuvuduko uri hagati ya 4m/s na 8m/s henshi mu gihugu uretse mu turere twa Karongi na Rutsiro ndetse n'igice gito cy'uturere twa Nyamasheke, Ngororero, Kirehe na Ngoma

hateganyijwe umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya 8m/s na 12m/s. Umuyaga uteganyijwe uzaba uvanze n'imvura yateganyijwe haruguru.

Amakarita akurikira ku mugereka aragaragaza birambuye ingano y'imvura, ubushyuhe n'umuvuduko w'umuyaga biteganyijwe muri buri karere.